REPUBULIKA Y'U RWANDA

NLA
National Land Authority

ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka (NLA) buramenyesha abantu bose bakora ibikorwa by'ubuhuza mu kugura, kugurisha, gukodesha no guhererekanya ubutaka n'imitungo itimukanwa hirya no hino mu gihugu ko bashyiriweho uburyo bwo kwiyandikisha.

Iki gikorwa kigamije gukusanya amakuru y'abakora uyu mwuga mu gihugu hose mu rwego rwo guteza imbere imikorere n'imikoranire yabo n'inzego bireba, kunoza ubunyamwuga no kubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga umwuga w'ubuhuza mu kugura, kugurisha, gukodesha no guhererekanya ubutaka n'imitungo itimukanwa.

Bityo, abantu bose bakora uyu mwuga barasabwa kwiyandikisha bitarenze tariki ya 14 Ukuboza 2026, banyuze ku ifishi yo kwiyandikisha iboneka ku rubuga rukurikira;

Urubuga rwo kwiyandikisha:
https://rwandalanddashboard.lands.rw/iyandikishe/

Uruhare rwa buri wese ni ingenzi mu kubaka urwego rw'abahuza mu kugura, kugurisha, gukodesha no guhererekanya ubutaka n'imitungo itimukanwa ruteye imbere, rufite imikoranire ihamye, ubunyamwuga, gukorera mu mucyo no kubazwa inshingano.

Mugire amahoro.

Bikorewe i Kigali, ku wa 27/11/2026.

NATIONAL LAND AUTHORITY

Digitally signed by NLA(Director General)1

NISHIMWE Marie Grâce
Umuyobozi Mukuru n'Umubitsi Mukuru w'Inyandikompamo z'Ubutaka